# 30: Ai Mukunzi wanjye we

1.

Ai Mukunzi wanjye we, Umpe kukwihishamo. iyo ntewe n'iby'isi N'ingabo za Satani, Mutabaz'umpish'ubwo , Ba banzi be kumfata Umber' ubuhungiro, Mu rupf' uzanyakire.

2.

Nta bundi buhungiro, Mwam' unyirokorere; We kunsiga, Krisito, Komez' uiy' undengera. Ni Wow' ump' imbaraga,Nta wundi mfit' umfasha; Mbundikiz' amababa, Uhor' undind' ibibi.

3.

Ur' umunyambabazi Zitarangira, Yesu; Usindagiz' urushye, N'urway' uramukiza, Urera bihebuje,Nta bwo ngutunganiye; Ndi mubi bikabije, Wow' urakiranuka.

4.

Yesu ni Wowe soko Y'amazi y'ubugingo, Reka nkunyweho cyane, Undudubiz' imbere. Nuk' umutima wanjye Ujye wuzur' iteka, Amazi y'iyo soko Abe mensh' adakama

Visit us at indirimbo.com